

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/2019 RYO KU WA 15/04/2019 RISHYIRAHU URUTONDE RW'IMISHINGA IGOMBA GUKORERWA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE, AMABWIRIZA, IBISABWA N'UBURYO BWO GUKORA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**MINISTERIAL ORDER N° 001/2019 OF 15/04/2019 ESTABLISHING THE LIST OF PROJECTS THAT MUST UNDERGO ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT, INSTRUCTIONS, REQUIREMENTS AND PROCEDURES TO CONDUCT ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT**

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/2019 DU 15/04/2019 ÉTABLISSANT LA LISTE DES PROJETS DEVANT FAIRE L'OBJET D'UNE ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL, INSTRUCTIONS, CONDITIONS ET PROCÉDURES POUR MENER L'ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIÈRES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions**

**Article 2: Définitions**

**UMUTWE WA II: URUTONDE RW'IMISHINGA IGOMBA GUKORERWA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**CHAPTER II: LIST OF PROJECTS THAT MUST UNDERGO AN ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT**

**CHAPITRE II: LISTE DES PROJETS DEVANT FAIRE L'OBJET D'UNE ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**Ingingo ya 3: Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye**

**Article 3: List of works, activities and projects that must undergo a full environmental impact assessment**

**Article 3: Liste des travaux, activités et projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental complète**

**Ingingo ya 4: Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije rihinye**

**Article 4: List of works, activities and projects that must undergo a partial environmental impact assessment**

**Article 4: Liste des travaux, activités et projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental partielle**

**Ingingo ya 5: Imirimo, ibikorwa n'imishinga bitari ku rutonde**

**Article 5: Works, activities and projects that are not included on the list**

**Article 5: Travaux, activités et projets non inclus sur la liste**

**UMUTWE WA III: AMABWIRIZA, IBISABWA N'UBURYO BWO GUKORA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**CHAPTER III: INSTRUCTIONS, REQUIREMENTS AND PROCEDURES TO CONDUCT ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT**

**CHAPITRE III: INSTRUCTIONS, CONDITIONS ET PROCÉDURES POUR MENER UNE ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**Ingingo ya 6:** Gusaba uruhushya rwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije

**Article 6:** Application for authorisation to conduct the environmental impact assessment

**Article 6:** Demande d'autorisation pour mener une étude d'impact environnemental

**Ingingo ya 7:** Isuzumangaruka ku bidukikije

**Article 7:** Environmental impact assessment

**Article 7:** Étude d'impact environnemental

**Ingingo ya 8:** Gutanga raporo ku isuzumangaruka ku bidukikije

**Article 8:** Submission of the environmental impact assessment report

**Article 8:** Soumission du rapport de l'étude d'impact environnemental

**Ingingo ya 9:** Gusesengura raporo ku isuzumangaruka ku bidukikije

**Article 9:** Analysis of environmental impact assessment report

**Article 9:** Analyse du rapport de l'étude d'impact environnemental

**Ingingo ya 10:** Uruhare rw'abaturage mu gutanga ibitekerezo kuri raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije

**Article 10:** Public participation to express views on the environmental impact assessment report

**Article 10:** Participation du public pour exprimer les points de vue sur le rapport de l'étude d'impact environnemental

**Ingingo ya 11:** Gufata icyemezo no gutanga uburenganzira

**Article 11:** Decision making and authorisation

**Article 11:** Prise de décision et autorisation

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 12:** Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Article 12:** Repealing provision

**Article 12:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 13:** Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

**Article 13:** Commencement

**Article 13:** Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/2019 RYO KU WA 15/04/2019 RISHYIRAHU URUTONDE RW'IMISHINGA IGOMBA GUKORERWA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE, AMABWIRIZA, IBISABWA N'UBURYO BWO GUKORA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**MINISTERIAL ORDER N° 001/2019 OF 15/04/2019 ESTABLISHING THE LIST OF PROJECTS THAT MUST UNDERGO ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT, INSTRUCTIONS, REQUIREMENTS AND PROCEDURES TO CONDUCT ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT**

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/2019 DU 15/04/2019 ÉTABLISSANT LA LISTE DES PROJETS DEVANT FAIRE L'OBJET D'UNE ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL, INSTRUCTIONS, CONDITIONS ET PROCÉDURES POUR MENER L'ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**Minisitiri w'Ibidukikije,**

**The Minister of Environment,**

**Le Ministre de l'Environnement,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'ya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 30;

Pursuant to Law n° 48/2018 of 13/08/2018 on environment, especially in Article 30;

Vu la Loi n° 48/2018 du 13/08/2018 sur l'environnement, spécialement en son article 30;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/2018 ryo ku wa 25/04/2018 rigena urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije;

Having reviewed Ministerial Order n° 001/2018 of 25/04/2018 determining the list of works, activities and projects subject to an environmental impact assessment;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 001/2018 du 25/04/2018 portant la liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 03/04/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 03/04/2019;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 03/04/2019;

**ATEGETSE:**

**ORDERS:**

**ARRÊTE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho:

- 1° urutonde rw'imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije mbere y'uko ibona uburenganzira bwo gushyirwa mu bikorwa;
- 2° amabwiriza, ibisabwa n'uburyo bwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **isuzumangaruka ku bidukikije:** uburyo bwimbitse bwo kugaragaza ingaruka z'umushinga ku bidukikije, ku mibereho y'abaturage n'ubukungu, mbere y'uko hafatwa icyemezo cyo kwemera umushinga;
- 2° **isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye:** isuzumangaruka ku bidukikije rihuza ibyiciro byose bw'isuzumangaruka ku bidukikije;

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order establishes:

- 1° the list of projects that must undergo an environmental impact assessment before they obtain authorisation for their implementation;
- 2° instructions, requirements and procedures for conducting environmental impact assessment.

**Article 2: Definitions**

In this Order, the following terms have the following meanings:

- 1° **environmental impact assessment:** systematic process of identifying environmental, social and economic impacts of a project, before a decision of its acceptance is made;
- 2° **full environmental impact assessment:** environmental impact assessment that covers all the steps of environmental impact assessment process;

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté établit:

- 1° la liste des projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental avant qu'ils obtiennent l'autorisation de leur mise en exécution;
- 2° les instructions, conditions et procédures pour mener l'étude d'impact environnemental.

**Article 2: Définitions**

Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

- 1° **étude d'impact environnemental:** processus systématique d'identifier les impacts environnementaux, sociaux et économiques d'un projet, avant la prise de décision sur son approbation;
- 2° **étude d'impact environnemental complète:** étude d'impact environnemental qui couvre toutes les étapes du processus de l'étude d'impact environnemental;

- 3° **isuzumangaruka ku bidukikije rihinye:** inyingo y'isuzumangaruka ku bidukikije igarukira ku kugaragaza ibibazo byerekeranye n'ibidukikije n'ingamba zikwiye mu kugabanya ubukana bwabyo;
- 4° **uruhare rw'abaturage:** uburyo bwo gutuma abaturage cyangwa izindi nzego bireba bagira uruhare mu igenamigambi, itegurwa ry'umushinga n'uburyo bwo gufata ibyemezo;
- 5° **ikusanyabitekerezo:** uburyo bwo gukusanya ibitekerezo by'abaturage cyangwa inzego bishobora kugirwaho ingaruka mu buryo butaziguye cyangwa buziguye n'umushinga hagamijwe kurengera uburenganzira bwabo, mbere y'uko umushinga wemererwa gukora;
- 6° **Ikigo:** Ikigo cy'Igihugu gifite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zacyo;
- 7° **urwego rwabiherewe uburenganzira:** urwego rwa Leta rwahawe uburenganzira n'Ikigo bwo kwemeza isuzumangaruka ku bidukikije;
- 8° **nyir'umushinga:** umuntu wese wateguye cyangwa watangiye gushyira mu bikorwa umushinga mu rwego rwa Leta cyangwa urw'abikorera;
- 3° **partial environmental impact assessment:** environmental impact assessment limited to identification of environmental issues and appropriate mitigation measures;
- 4° **public participation:** systematic way of involving public or relevant institutions in project planning, development and decision making process;
- 5° **public hearing:** way of getting ideas from the people or institutions that might be affected directly or indirectly by the project with a view to protecting their rights, before a project gets authorisation;
- 6° **Authority:** the national authority in charge of conservation of environment;
- 7° **authorised organ:** State organ authorised by the Authority to approve the environmental impact assessment;
- 8° **developer:** any person who has proposed or has undertaken to implement a project in the public or private sector;
- 3° **étude d'impact environnemental partielle:** étude d'impact environnemental limitée à l'identification des problèmes environnementaux et des mesures d'atténuation appropriées;
- 4° **participation du public:** voie systématique d'impliquer le public ou les institutions concernées dans les processus de planification, de développement et de prise de décision;
- 5° **consultation publique:** une manière de rassembler des avis de la population ou des institutions susceptibles d'être affectées directement ou indirectement par le projet afin que leurs droits puissent être sauvegardés, avant que le projet n'obtienne une autorisation;
- 6° **Office:** office national ayant la conservation de l'environnement dans ses attributions;
- 7° **organe autorisée:** organe de l'État autorisé par l'Office pour approuver l'étude d'impact environnemental;
- 8° **promoteur:** toute personne qui a planifié ou entrepris de mettre en oeuvre un projet du secteur public ou privé;

9° **impuguke:** inzobere mu kugenzura ingaruka ku bidukikije, umuntu ku giti cye cyangwa umuryango bafite ubumenyi, bujuje ibisabwa mu mabwiriza y'isuzumangaruka ku bidukikije kandi bemerewe gukora isuzumangaruka cyangwa inyigo ku bidukikije hakurikijwe iri teka;

10° **abafatanyabikorwa:** abantu ku giti cyabo, amatsinda y'abantu, ibigo bya Leta, ibigo byigenga cyangwa imiryango itari iya Leta bafite inyungu cyangwa uruhare mu isuzumangaruka ku bidukikije n'ibikomoka k'umushinga.

9° **expert:** environmental impact assessor or an individual or moral person that is technically competent, fulfils the requirements of the environmental impact assessment guidelines and is certified to conduct an environmental impact assessment or studies in accordance with this Order;

10° **stakeholders:** individuals, communities, government agencies, private organisations, non-governmental organisations having an interest or stake in both the environmental impact assessment process and outcomes of the project.

9° **expert:** évaluateur d'impact environnemental ou une personne physique ou morale qui est techniquement compétent, remplit les conditions des directives de l'étude d'impact environnemental et agréé pour mener une étude d'impact environnemental conformément au présent arrêté;

10° **parties prenantes:** individus, communautés, agences gouvernementales, organisations privées, organisations non gouvernementales ayant un intérêt ou un enjeu dans le processus de l'étude d'impact environnemental et les résultats du projet.

## **UMUTWE WA II: URUTONDE RW'IMISHINGA IGOMBA GUKORERWA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

### **Ingingo ya 3: Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye**

Nta rwego rwa Leta na rumwe rwemerewe gufata icyemezo, gutanga icyemezo, kwemeza cyangwa gutanga uburenganzira bwo gutangira gushyira mu bikorwa umushinga uri ku migereka y'iri teka hatabanje gukorwa isuzumangaruka ku bidukikije.

Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye mbere yo kubona

## **CHAPTER II: LIST OF PROJECTS THAT MUST UNDERGO AN ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT**

### **Article 3: List of works, activities and projects that must undergo a full environmental impact assessment**

No public institution is authorised to take a decision, to warrant a certificate, approve or authorise the commencement of a project mentioned in the annexes of this Order without prior environmental impact assessment.

The list of works, activities and projects that must undergo a full environmental impact assessment

## **CHAPITRE II: LISTE DES PROJETS DEVANT FAIRE L'OBJET D'UNE ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

### **Article 3: Liste des travaux, activités et projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental complète**

Aucune institution publique n'est autorisée de prendre la décision d'octroyer un certificat, approuver ou autoriser le démarrage d'un projet mentionné dans les annexes du présent arrêté sans une étude d'impact environnemental préalable.

La liste des travaux, activités et projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental

uburenganzira bwo gutangira gushyirwa mu bikorwa ruri ku mugereka wa I w'iri teka.

**Ingingo ya 4: Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije rihinye**

Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije rihinye mbere yo kubona uburenganzira bwo gutangira gushyirwa mu bikorwa ruri ku mugereka wa II w'iri teka.

Imirimo, ibikorwa n'imishinga bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikorerwa inyigo kugira ngo hagatangwe icyemezo cy'uko byujuje ibisabwa mu kubungabunga ibidukikije.

**Ingingo ya 5: Imirimo, ibikorwa n'imishinga bitari ku rutonde**

Imishinga, imirimo cyangwa ibikorwa bitari ku rutonde ruri ku mugereka wa I n'uwa II y'iri teka ntibikorerwa isuzumangaruka ku bidukikije.

Icyakora, iyo bigaragara ko umurimo, igikorwa cyangwa umushinga bitari ku rutonde ruri ku mugereka wa I n'uwa II y'iri teka bishobora kugira ingaruka mbi kandi zitahinduka ku bidukikije kandi bisa mu miterere n'umurimo, igikorwa cyangwa umushinga bivugwa mu mugereka wa I n'uwa II, Ikigo cyangwa urwego rwabiherewe uburenganzira bishobora gusaba nyir'umushinga gukora isuzumangaruka ku bidukikije.

before being granted authorisation for their implementation is in Annex I of this Order.

**Article 4: List of works, activities and projects that must undergo a partial environmental impact assessment**

The list of works, activities and projects that must undergo a partial environmental impact assessment before being granted authorisation for their implementation is in Annex II of this Order.

The works, activities and projects referred to in Paragraph One of this Article are subject to assessment for environmental clearance certificate.

**Article 5: Works, activities and projects that are not included on the list**

Projects, works and activities which are not listed on the Annex I and II to this Order are not subject to the environmental impact assessment.

However, when it is evident that work, activity or project not listed on the Annex I and II to this Order has a negative and irreversible impact on the environment and is similar in nature to the work, activity or project listed in Annex I and II of this Order, the Authority or authorised organ may request the developer to conduct an environmental impact assessment

complète avant l'obtention d'autorisation pour leur mise en oeuvre est en annexe I du présent arrêté.

**Article 4: Liste des travaux, activités et projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental partielle**

La liste des travaux, activités et projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental partielle avant l'obtention d'autorisation pour leur mise en oeuvre est en annexe II du présent arrêté.

Les travaux, activités et projets visés à l'alinéa premier du présent article font l'objet d'une étude pour obtenir un certificat de conformité environnementale.

**Article 5: Travaux, activités et projets non inclus sur la liste**

Les projets, travaux et activités qui ne figurent pas sur l'annexe I et II du présent arrêté ne sont pas soumis à l'étude d'impact environnemental.

Toutefois, lorsqu'il est évident que le travail, l'activité ou le projet qui ne figure pas sur annexe I et II du présent arrêté peut avoir un impact négatif et irréversible sur l'environnement et qu'il est similaire en nature au travail, à l'activité ou au projet figurant sur l'annexe I et II du présent article, l'Office ou l'organe autorisé peut demander au promoteur de mener une étude d'impact environnemental.

**UMUTWE WA III: AMABWIRIZA, IBISABWA N'UBURYO BWO GUKORA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**CHAPTER III: INSTRUCTIONS, REQUIREMENTS AND PROCEDURES TO CONDUCT ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT**

**CHAPITRE III: INSTRUCTIONS, CONDITIONS ET PROCÉDURES POUR MENER UNE ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**Ingingo ya 6: Gusaba uruhushya rwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije**

**Article 6: Application for authorisation to conduct the environmental impact assessment**

**Article 6: Demande d'autorisation pour mener une étude d'impact environnemental**

Nyir'umushinga uri ku rutonde rw'imishinga ikorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ruri ku mugereka wa I n'uwa II y'iri teka ahitamo impuguke iri ku rutonde rw'abanyamwuga mu isuzumangaruka ku bidukikije rutangazwa hakurikijwe amategeko abigenga kugira ngo akore inyigo.

The developer whose project is on the list of the projects that require environmental impact assessment listed in Annex I and II of this Order, selects an expert from the list of environmental assessment practitioners published in accordance with relevant laws to conduct the study.

Le promoteur dont le projet figure sur la liste des projets nécessitant une étude d'impact environnemental figurant sur l'annexe I et II du présent arrêté, choisit un expert sur la liste des praticiens d'étude d'impact environnemental publiée conformément à la législation en la matière pour mener l'étude.

Impuguke yatoranyijwe igomba kuba idafite inyungu zitaziguye cyangwa ziziguye muri uwo mushinga.

The selected expert must not have any direct or indirect interests in that project.

L'expert choisi ne doit avoir aucun intérêt direct ou indirect dans ce projet.

Impuguke yatoranyijwe, mu izina rya nyir'umushinga, ishyikiriza urwego rwabiherewe uburenganzira ubusabe bwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije mu buryo bw'incamake y'umushinga hamwe n'imirongo ngenderwaho yifuza kwifashisha kugira ngo bisuzumwe kandi byemezwe.

The selected environmental impact assessment expert, on behalf of developer, submits an official application for environmental impact assessment of a proposed project to the authorised organ in form of a project brief together with proposed terms of reference for review and approval.

L'expert d'étude d'impact environnemental choisi, au nom du promoteur, soumet à l'organe autorisé une demande officielle d'étude d'impact environnemental du projet proposé, sous la forme d'un descriptif de projet, assorti d'un mandat proposé pour examen et approbation.

Amakuru asabwa ku buryo burambuye aboneka mu mirongo ngenderwaho y'isuzumangaruka ku bidukikije ishyirwaho n'Ikigo.

The details of the required information are found in the environmental impact assessment guidelines provided by the Authority.

Les détails des informations requises se trouvent dans les directives pour l'étude d'impact l'environnemental fournies par l'Office.

Nyuma yo kwakira no gusuzuma inshamake y'umushinga n'imirongo ngenderwaho yifuza kwifashisha, mu gihe cy'iminsi cumi n'ine (14),

After reception and analysis of the project brief and proposed terms of reference, within fourteen (14) days, the authorised organ approves or request for

Après réception et analyse d'un descriptif du projet et des termes de référence proposés, endéans quatorze (14) jours, l'organe autorisé approuve ou



urwego rwabiherewe uburengenzira rwemeza cyangwa rugasaba ko hari ibyakosorwa ku mirongo ngenderwaho yatanzwe kugira ngo hakorwe isuzumangaruka ku bidukikije.

update of terms of reference for conducting the environmental impact assessment.

demande la mise à jour des termes de référence pour mener l'étude d'impact environnemental.

**Ingingo ya 7: Isuzumangaruka ku bidukikije**

**Article 7: Environmental impact assessment**

**Article 7: Étude d'impact environnemental**

Isuzumangaruka ku bidukikije rigomba gushingira ku mirongo ngenderwaho ivugwa mu ngingo ya 6 y'iri teka.

The environmental impact assessment must be based on the terms of reference mentioned in Article 6 of this Order.

L'étude d'impact environnemental doit être basée sur les termes de référence mentionnés à l'article 6 du présent arrêté.

Impuguke yatoranyijwe ifite inshingano zo gukorana na nyir'umushinga ku byiciro byose by'imigendekere y'isuzumangaruka ku bidukikije. Impuguke ifite kandi inshingano yo gusesengura inshingano za nyir'umushinga mu gushyira mu bikorwa ibivuye mu isuzumangaruka ku bidukikije.

The selected expert has a duty to involve the developer in all stages of the environmental impact assessment process. The expert has also a duty to appraise the developer of his or her responsibilities and obligations in implementation of the outcomes of the environmental impact assessment.

L'expert sélectionné est tenu d'impliquer le promoteur dans toutes les étapes du processus d'étude d'impact environnemental. L'expert a également le devoir d'évaluer le promoteur de ses responsabilités et obligations dans la mise en œuvre des résultats de l'étude d'impact environnemental.

Isuzumangaruka ku bidukikije rikorwa hitawe ku bitekerezo by'abafatanyabikorwa bose bireba.

The environmental impact assessment is done with due consideration of the opinion of all the relevant stakeholders.

L'étude d'impact environnemental est menée en tenant compte de l'avis de toutes les parties prenantes concernées.

**Ingingo ya 8: Gutanga raporo ku isuzumangaruka ku bidukikije**

**Article 8: Submission of the environmental impact assessment report**

**Article 8: Soumission du rapport de l'étude d'impact environnemental**

Iyo hamaze gukorwa isuzumangaruka ku bidukikije, impuguke yatoranyijwe ku isuzumangaruka ku bidukikije ishyikiriza urwego rwabiherewe uburenganzira kopi ya raporo ikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga "word and PDF format".

Upon completion of the environmental impact assessment, the selected environmental impact assessment expert submits to the authorised organ a copy of the report in an electronic format "word and PDF format".

Lorsque l'étude d'impact environnemental est terminée, l'expert de l'étude d'impact environnemental choisi, soumet à l'organe autorisé une copie du rapport sous format électronique "word and PDF format".

Impuguke yatoranyijwe ku isuzumangaruka ku bidukikije ishobora gutanga inyongera kuri raporo

Where the selected environmental impact assessment expert considers it necessary he or she

L'expert de l'étude d'impact environnemental choisi peut fournir un addendum au rapport pour

ku byari bidateganyijwe mu mirongo ngenderwaho iyo ibona ari ngombwa.

may provide an addendum to the report for the facts that are not provided for under the terms of reference.

les faits qui ne sont pas prévus dans les termes de référence lorsqu'il le juge nécessaire.

**Ingingo ya 9: Gusesengura raporo ku isuzumangaruka ku bidukikije**

**Article 9: Analysis of environmental impact assessment report**

**Article 9: Analyse du rapport de l'étude d'impact environnemental**

Nyuma yo kwakira raporo ku isuzumangaruka ku bidukikije, urwego rwabiherewe uburenganzira rurayisesengura hagamijwe kureba niba ihuye n'imirongo ngenderwaho n'amabwiriza.

Upon reception of the environmental impact assessment report, the authorised organ analyses the report to verify conformity with the terms of reference and guidelines.

Après réception du rapport de l'étude d'impact environnemental, l'organe autorisé analyse le rapport afin de vérifier sa conformité avec termes de référence et directives.

Mu gihe cy'iminsi makumyabiri (20) y'akazi uherye igihe rwakiriye raporo, urwego rwabiherewe uburenganzira rwemera cyangwa rugasaba ibisobanuro by'inyongera impuguke ku isuzumangaruka ku bidukikije yatoranyijwe.

The authorised organ, within twenty (20) working days, after reception of the environmental impact assessment report, accept or request for additional information from selected environmental impact assessment expert.

Endéans vingt (20) jours ouvrables à partir de la réception du rapport d'étude d'impact environnemental, l'organe autorisé accepte ou demande des informations additionnelles à l'expert de l'étude d'impact environnemental choisi.

Bitewe n'umwihariko w'umushinga, iminsi yavuzwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ishobora kwiyongera ariko bibanje kumenyeshwa impuguke ku isuzumangaruka ku bidukikije yatoranyijwe, mu nyandiko, mbere y'uko iminsi yavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo irangira.

Depending on the nature of the project, the period provided for in Paragraph 2 of this Article may be increased after informing the selected environmental impact assessment expert, in writing, before the lapse of the days mentioned in Paragraph One of this Article.

Selon la nature du projet, le délai mentionné à l'alinéa 2 du présent article peut être prolongé après que l'expert de l'étude d'impact environnemental choisi soit informé par écrit avant l'expiration du délai mentionné à l'alinéa premier du présent article.

Iyo bibaye ngombwa ko urwego rwabiherewe uburenganzira rutangiza ikusanyabitekerezo, hiyongeraho iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva umunsi itangazo rimenyekanisha ikusanyabitekerezo ryatanzweho.

If it becomes necessary to hold public hearing, the authorised organ requires an additional period of fifteen (15) working days from the date of public hearing notification.

Lorsque la consultation publique est nécessaire, l'organe autorisé prolonge ce délai de quinze (15) jours ouvrables à partir de la date de notification de ladite consultation.

**Ingingo ya 10: Uruhare rw'abaturage mu gutanga ibitekerezo kuri raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije**

Abafatanyabikorwa bashobora gutanga ibitekerezo byabo kuri raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije kandi bakanagaragaza ingaruka umushinga ugiye gukorwa ushobora kugira.

Urwego rwabiherewe uburenganzira nirwo rwishyura amafaranga yose ajyanye n'ikusanyabitekerezo.

Mu rwego rw'ikusanyabitekerezo, urwego rwabiherewe uburenganzira rugomba kumenyesha abaturage ibi bikurikira:

1° igihe, umunsi n'ahantu ikusanyabitekerezo rizabera hakoreshejwe nibura bumwe mu buryo butatu (3) bukurikira:

- a. gutangaza kabiri mu binyamakuru byo mu gihugu;
- b. gutangaza inshuro enye (4) kuri radiyo;
- c. kumanika amatangazo aho umushinga uzakorera;

2° umwirondoro wa nyir'umushinga ugaragaza amazina n'aho abarizwa.

**Article 10: Public participation to express views on the environmental impact assessment report**

The stakeholders may comment on the environmental impact assessment report and express views on the impacts of the proposed project.

The authorised organ covers all costs of the public hearing process.

In the framework of public hearing, the authorised organ must notify the public of the following:

1° the day, time and venue where the public hearing will take place by using at least any of the three (3) of the following means:

- a. to publish a notice twice in any local newspapers;
- b. running four (4) radio announcements;
- c. to put up posters at the site of the proposed project;

2° the developer's details including name and address.

**Article 10: Participation du public pour exprimer les points de vue sur le rapport de l'étude d'impact environnemental**

Les parties prenantes peuvent commenter le rapport de l'étude d'impact environnemental et exprimer leurs points de vue sur les impacts du projet proposé.

L'organe autorisé couvre tous les coûts du processus de la consultation publique.

Dans le cadre de la consultation publique, l'organe autorisé doit notifier au public de ce qui suit:

1° le jour, heure et lieu où se tiendra la consultation publique en utilisant au moins l'un des trois (3) moyens de communication suivants:

- a. publier un avis deux fois dans un journal local;
- b. le passage de quatre (4) annonces à la radio;
- c. afficher les posters sur les lieux où le projet sera exécuté;

2° les coordonnées du promoteur incluant son nom et son adresse.

**Ingingo ya 11: Gufata icyemezo no gutanga uburenganzira**

Urwego rwabiherewe uburenganzira rumenyeshya impuguke ku isuzumangaruka ku bidukukije icyemezo cyafashwe mu nyandiko.

Mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uherye igihe impuguke ku isuzumangaruka ku bidukukije imenyesherejwe umwanzuro wafashwe, impuguke ku isuzumangaruka ku bidukukije igomba gushyikiriza nyir'umushinga kopi y'umwanzuro w'urwego rwabiherewe uburenganzira ku isuzumangaruka ku bidukukije.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Iteka rya Minisitiri n° 001/2018 ryo ku wa 25/04/2018 rigena urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukukije n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 13: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangirijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 15/04/2019

**Article 11: Decision making and authorisation**

The authorised organ communicates in writing its decision to the environmental impact assessment expert.

Within twenty-four (24) hours of receipt of the decision, the environmental impact assessment expert must submit a copy of the written decision by the authorised organ on the environmental impact assessment to the developer.

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**Article 12: Repealing provision**

Ministerial Order n° 001/2018 of 25/04/2018 determining the list of works, activities and projects subject to an environmental impact assessment and all prior provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 13: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 15/04/2019

**Article 11: Prise de décision et autorisation**

L'organe autorisé communique sa décision à l'expert de l'étude d'impact environnemental par écrit.

Endéans vingt-quatre (24) heures suivant la réception de la décision, l'expert de l'étude d'impact environnemental doit soumettre au promoteur une copie de la décision écrite de l'organe autorisé sur l'étude d'impact environnemental.

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 12: Disposition abrogatoire**

L'Arrêté Ministériel n° 001/2018 du 25/04/2018 portant la liste des travaux, activités et projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 13: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 15/04/2019

(sé)

**Dr BIRUTA Vincent**  
Minisitiri w'Ibidukikije

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**Dr BIRUTA Vincent**  
Minister of Environment

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**Dr BIRUTA Vincent**  
Ministre de l'Environnement

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA I W'ITEKA RYA  
MINISITIRI N° 001/2019 RYO KU WA  
15/04/2019 RISHYIRAHU URUTONDE  
RW'IMISHINGA IGOMBA  
GUKORERWA ISUZUMANGARUKA  
KU BIDUKIKIJE, AMABWIRIZA,  
IBISABWA N'UBURYO BWO GUKORA  
ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**URUTONDE RW'IMIRIMO, IBIKORWA  
N'IMISHINGA BIGOMBA  
GUKORERWA ISUZUMANGARUKA  
KU BIDUKIKIJE RYUZUYE**

1° inyubako zose zigenewe guturwamo, ubucuruzi, gukorerwamo imirimo yo mu biro, imyidagaduro, ibikorwa by'ubusabane, umuco, insengero, hoteli, ubuvuzi, amashuri cyangwa izindi nyubako rusange zihurirwamo n'abantu benshi zujuje byibuze bibiri mu bikurikira:

- a. zifite ubushobozi bwo kwakira abantu barenze magana atanu (500);
- b. zifite ubuso bwubatswe burenga metero kare igihumbi na magana atanu (1500 m<sup>2</sup>).
- c. zubatswe mu kibanza kirenze metero kare igihumbi (1000 m<sup>2</sup>).

**ANNEXE I TO MINISTERIAL ORDER  
N°001/2019 OF 15/04/2019  
ESTABLISHING THE LIST OF  
PROJECTS THAT MUST UNDERGO  
ENVIRONMENTAL IMPACT  
ASSESSMENT, INSTRUCTIONS,  
REQUIREMENTS AND PROCEDURES  
TO CONDUCT ENVIRONMENTAL  
IMPACT ASSESSMENT**

**LIST OF WORKS, ACTIVITIES AND  
PROJECTS THAT MUST UNDERGO A  
FULL ENVIRONMENTAL IMPACT  
ASSESSMENT**

1° all buildings classified as residential, commercial, administrative or institutional sports facilities, social, cultural, and assembly and religious buildings, hotels, health facilities, educational buildings, or other publicly accessible facilities fulfilling at least two of the following conditions:

- a. having capacity to host more than five hundred (500) people;
- b. having a total floor area exceeding one thousand and five hundred square meters (1500 sqm);
- c. built in plot size exceeding one thousand square meters (1000 sqm).

**ANNEXE I À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL  
N°001/2019 DU 15/04/2019 ÉTABLISSANT  
LA LISTE DES PROJETS DEVANT  
FAIRE L'OBJET D'UNE ÉTUDE  
D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL,  
INSTRUCTIONS, CONDITIONS ET  
PROCÉDURES POUR MENER L'ÉTUDE  
D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**LISTE DES TRAVAUX, ACTIVITÉS ET  
PROJETS DEVANT FAIRE L'OBJET  
D'UNE ÉTUDE D'IMPACT  
ENVIRONNEMENTAL COMPLÈTE**

1° tous les bâtiments classés comme installations résidentielles, commerciales, administratives ou institutionnelles, sportives, bâtiments à caractère social, culturel, de rassemblement ou religieux, hôtels, établissements de santé, bâtiments pour l'enseignement ou autres installations accessibles au public et remplissant au moins deux des conditions suivantes:

- a. ayant une capacité d'accueil de plus de cinq cents (500) personnes;
- b. ayant une surface de plancher totale supérieure à mille cinq cents mètres carrés (1500 m<sup>2</sup>);
- c. bâtis dans une superficie de la parcelle supérieure à mille mètres carrés (1000 m<sup>2</sup>).

2° inganda;	2° industries;	2° industries;
3° inyubako zikorerwamo imirimo yateza impanuka;	3° buildings with activities which can cause hazards;	3° bâtiments où s'exercent des activités pouvant causer des accidents;
4° inyubako zigenewe kubikwamo ibikoresho byateza impanuka n'ibyangirika;	4° warehouses for storage of hazardous materials and perishables;	4° entrepôts pour le stockage des biens et matériaux dangereux et périssables;
5° inyubako zigenewe kubikwamo ibikomoka ku buhinzi byangirika ziri ku buso bungana cyangwa burenze kimwe cya kabiri cya hegitari (1/2 ha);	5° warehouses and storage facilities of perishable agricultural commodities occupying an area of a half a hectare (1/2 ha) and above;	5° entrepôts de denrées agricoles périssables occupant une superficie d'un demi-hectare (1/2 ha) et plus;
6° aho abantu bashyirwa mu rwego rw'igihano cyangwa kugororwa cyangwa kubera ikibazo cyo mu mutwe;	6° places where people are detained for punitive or corrective reasons or because of their mental condition;	6° lieux où les personnes sont détenues pour des raisons punitives ou correctives ou en raison de leur état mental;
7° ahakorerwa imirimo y'ubucuruzi itari iy'inganda aho ibihakorerwa cyangwa ibihacururizwa bishobora gufata umuriro, kuwukwirakwiza mu buryo bwihuse, kohereza imyuka ihumanya cyangwa guturika;	7° places of non-industrial commercial activities, where such activities or commercial products may cause fire, cause combustion with extreme rapidity, give rise to poisonous fumes or cause explosions;	7° sites d'activités commerciales non industrielles où les activités y effectués ou les produits objet du commerce sont susceptibles de provoquer l'incendie, causer une combustion avec une rapidité extrême, provoquer des fumées toxiques ou causer des explosions;
8° amagaraji bakanikiramo ibinyabiziga;	8° garages for vehicle repair and maintenance;	8° garages pour réparation et entretien de véhicules;
9° inyubako zigenewe ububiko bw'ibintu zifite ubuso bw'ubutse burenze metero kare igihumbi na magana atanu (1500 m <sup>2</sup> ) n'ubuso bw'ikibanza burenze metero kare igihumbi (1000 m <sup>2</sup> );	9° warehouse with total floor area exceeding one thousand and five hundred square meters (1500 sqm) and plot size exceeding one thousand square meters (1000 sqm);	9° entrepôts de stockage avec une surface de plancher totale supérieure à mille cinq cent mètres carrés (1500 m <sup>2</sup> ) et une superficie de terrain supérieure à un mille mètres carrés (1000 m <sup>2</sup> );

10° amahoteli;	10° hotels;	10° hôtels;
11° kubaka no gusana imihanda mpuzamahanga, iy'Igihugu n'iyu'Uturere no gusana amateme manini;	11° construction and repair of international, national, District roads and repair of large bridges;	11° construction et réparation de routes internationales, nationales, de District et réparation de grands ponts;
12° kubaka ingomero z'amazi n'imiyoboro y'amashanyarazi;	12° construction of hydro-dams, hydropower plants and electrical lines of high and medium voltage;	12° construction des barrages hydroélectriques et lignes électriques;
13° kubaka impombo z'ibikomoka kuri peteroli na gazi ndetse n'ibigeza byabyo;	13° construction of petroleum products and gas pipelines and their storage tanks;	13° construction d'oléoducs des produits pétroliers et du gaz ainsi que des réservoirs de stockage;
14° kubaka aho amato ahagarara, ibibuga by'indege na gari ya moshi;	14° construction of terminal ports, airports and railways;	14° construction de ports terminaux, aéroports et chemins de fer;
15° ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bikoresha ifumbire mvaruganda n'imiti yica udukoko mu gishanga;	15° agricultural and breeding activities which use chemical fertilizers and pesticides in wetlands;	15° activités agricoles et d'élevage qui utilisent des engrais chimiques et des pesticides dans les zones humides;
16° imishinga minini y'ishoramari mu buhinzi n'ubworozi ikoresha ifumbire mvaruganda n'imiti yica udukoko ikorerwa ku musozi;	16° large scale investment projects in agricultural and breeding activities which use chemical fertilizers and pesticides on hill sides;	16° projets d'investissements à grande échelle dans le domaine d'agriculture et d'élevage qui utilisent des engrais chimiques et des pesticides sur les collines;
17° imirimo n'ibikorwa byo guhindura uturemangingo tw'imbutu n'inyamaswa;	17° works and activities that involve genetic modification of seeds and animals;	17° œuvres et activités qui impliquent la modification génétique des graines et les animaux;
18° imirimo muri za pariki z'Igihugu no mu nkengero zazo;	18° works in areas designated as national parks and in their buffer zones;	18° travaux dans les parcs nationaux et dans ses zones tampon;
19° imirimo yose ijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;	19° all works related to mining;	19° tous les travaux liés à l'exploitation des mines;



20° imirimo yose ijyanye n'ubucukuzi bwa kariyeri ntoya y'ubucuruzi n'inini;	20° commercial small and large scale quarrying;	20° l'exploitation commerciale de carrière à petite et à grande échelle;
21° kubaka ibiyaga-mpangano;	21° construction of artificial lakes;	21° construction des lacs artificiels;
22° kubaka ingomero zo kubika amazi;	22° construction of water storage dams;	22° construction des barrages de stockage d'eau;
23° ibikorwa cyangwa imirimo yo gutunganya ibishanga;	23° works or activities for marshlands reclamation;	23° les travaux ou activités pour l'amélioration des zones humides;
24° kubaka amabagiro.	24° construction of slaughter houses.	24° construction des abattoirs.

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri N°001/2019 ryo ku wa 15/04/2019 rishyiraho urutonde rw'imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije, amabwiriza, ibisabwa n'uburyo bwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije**

Kigali, ku wa 15/04/2019

(sé)

**Dr BIRUTA Vincent**  
Minisitiri w'Ibidukikije

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen to be annexed to Ministerial Order N°001/2019 of 15/04/2019 establishing the list of projects that must undergo environmental impact assessment, instructions, requirements and procedures to conduct environmental impact assessment**

Kigali, on 15/04/2019

(sé)

**Dr BIRUTA Vincent**  
Minister of Environment

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

**Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel N°001/2019 du 15/04/2019 établissant la liste des projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental, instructions, conditions et procédures pour mener l'étude d'impact environnemental**

Kigali, le 15/04/2019

(sé)

**Dr BIRUTA Vincent**  
Ministre de l'Environnement

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA II W'ITEKA RYA  
MINISITIRI N° 001/2019 RYO KU WA  
15/04/2019 RISHYIRAHU URUTONDE  
RW'IMISHINGA IGOMBA  
GUKORERWA ISUZUMANGARUKA  
KU BIDUKIKIJE, AMABWIRIZA,  
IBISABWA N'UBURYO BWO GUKORA  
ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE**

**URUTONDE RW'IMIRIMO, IBIKORWA  
N'IMISHINGA BIGOMBA  
GUKORERWA ISUZUMANGARUKA  
KU BIDUKIKIJE RIHINNYE**

1° iminara n'anteni;

2° inyubako zose, uretse izigomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye, zujuje byibuze bibiri mu bikurikira:

- a. zifite ubushobozi bwo kwakira abantu barenga magana abiri (200) ariko batarenze magana atanu (500);
- b. zifite ubuso bwubatse burenga metero kare igihumbi na magana atanu (1500 m<sup>2</sup>).;
- c. zubatse mu kibanza kirenze metero kare igihumbi (1000 m<sup>2</sup>).

3° ingomero z'amashanyarazi nto.

**ANNEXE II TO MINISTERIAL ORDER  
N°001/2019 OF 15/04/2019  
ESTABLISHING THE LIST OF  
PROJECTS THAT MUST UNDERGO  
ENVIRONMENTAL IMPACT  
ASSESSMENT, INSTRUCTIONS,  
REQUIREMENTS AND PROCEDURES  
TO CONDUCT ENVIRONMENTAL  
IMPACT ASSESSMENT**

**LIST OF WORKS, ACTIVITIE AND  
PROJECTS THAT MUST UNDERGO A  
PARTIAL ENVIRONMENTAL IMPACT  
ASSESSMENT**

1° towers and antennas;

2° all types of buildings, except those qualified for full environmental impact assessment fulfilling at least two of the following conditions:

- a. with a capacity to host more than two hundred (200) people but not exceeding five hundred (500) people,
- b. with a total floor area exceeding one thousand and five hundred square meters (1500 sqm);
- c. built in a plot size exceeding one thousand square meters (1000sqm).

3° micro hydroelectric power plants.

**ANNEXE II À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL  
N°001/2019 DU 15/04/2019 ÉTABLISSANT  
LA LISTE DES PROJETS DEVANT  
FAIRE L'OBJET D'UNE ÉTUDE  
D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL,  
INSTRUCTIONS, CONDITIONS ET  
PROCÉDURES POUR MENER L'ÉTUDE  
D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL**

**LISTE DES TRAVAUX, ACTIVITÉS ET  
PROJETS DEVANT FAIRE L'OBJET  
D'UNE ÉTUDE D'IMPACT  
ENVIRONNEMENTAL PARTIELLE**

1° tours et antennes;

2° tous les types de bâtiments, à l'exception de ceux soumis à l'étude d'impact environnemental remplissant au moins deux des conditions suivantes:

- a. ayant la capacité d'accueil de plus de deux cent (200) personnes mais ne dépassant pas cinq cents (500) personnes;
- b. ayant une surface de plancher totale supérieure à mille cinq cents mètres carrés (1500 m<sup>2</sup>),
- c. bâtis dans une superficie de la parcelle supérieure à mille mètres carrés (1000 m<sup>2</sup>).

3° des microcentrales hydroélectriques.

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n°001/2019 ryo ku wa 15/04/2019 rishyiraho urutonde rw'imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije, amabwiriza, ibisabwa n'uburyo bwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije**

Kigali, ku wa 15/04/2019

(sé)

**Dr BIRUTA Vincent**  
Minisitiri w'Ibidukikije

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen to be annexed to Ministerial Order n°001/2019 of 15/04/2019 establishing the list of projects that must undergo environmental impact assessment, instructions, requirements and procedures to conduct environmental impact assessment**

Kigali, on 15/04/2019

(sé)

**Dr BIRUTA Vincent**  
Minister of Environment

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

**Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n°001/2019 du 15/04/2019 établissant la liste des projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental, instructions, conditions et procédures pour mener l'étude d'impact environnemental**

Kigali, le 15/04/2019

(sé)

**Dr BIRUTA Vincent**  
Ministre de l'Environnement

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux